Bafatanyabikorwa,

Tunejejwe no kubagezaho gahunda y'ibikorwa biteganyijwe mu Nteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda.

I. Sena

A. Inteko Rusange (9:00am)

Gutora Visi Perezida wa Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari, Visi Perezida wa Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano na Perezida wa Komite igenzura Imikorere ya Sena, Imyitwarire, Imyifatire n'Ubudahangarwa by'Abasenateri.

II. Umutwe w'Abadepite

A. Inteko Rusange (3:00pm)

- Gusuzuma ishingiro ry'imishinga y'amategeko ikurikira:
    1. Umushinga w'itegeko ryemera kwemeza burundu Amasezerano hagati ya Repubulika y'u Rwanda na Repubulika Yunze Ubumwe ya Brazil ajyanye no gutwara abantu n'ibintu mu kirere yakorewe i Kigali mu Rwanda, ku wa 14/08/2019;
    2. Umushinga w'itegeko ryemera kwemeza burundu Amasezerano hagati ya Repubulika y'u Rwanda na Guverinoma ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo ajyanye no gutwara abantu n'ibintu mu kirere yakorewe i Kinshasa muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo, ku wa 20/03/2019;
    3. Umushinga w'itegeko ryemera kwemeza burundu Amasezerano hagati ya Repubulika y'u Rwanda na Guverinoma ya Repubulika ya Namibiya ajyanye no gutwara abantu n'ibintu mu kirere yakorewe i Nayirobi muri Kenya, ku wa 11/12/2018;
    4. Umushinga w'itegeko ryemera kwemeza burundu Amasezerano ahuriweho ajyanye no gutwara abantu n'ibintu mu kirere hagati ya guverinoma ya Repubulika y'u Rwanda na Guverinoma ya Repubulika Yunze Ubumwe ya Somaliya yakorewe i Kigali, ku wa 07/03/2020;
    5. Umushinga w'itegeko ryemera kwemeza burundu Amasezerano hagati ya Guverinoma ya Repubulika y'u Rwanda na Guverinoma ya Repubulika ya

Tuniziya yerekeranye no gutwara abantu n'ibintu mu kirere yakorewe i Addis Ababa, ku wa 07/02/2020.

Murakoze.

Maurice KABANDANA

Director of Outreach, Communication & Documentation

Parliament of Rwanda

Email: maurice.kabandana@parliament.gov.rw

Mob: +250 788433633